IJAMBO MILITANT KURAZIKUBONE YOZEFU,UMUYOBOZI W'URUBYIRUKO MURI MIJEUCOOP, YAVUZE BATAHA INZU Y'ABADACOGORA KUWA 27/2/1988.

---

- Nyli icyubahiro Musenyeri
  Umushumba w'Arkidiyosezi ya Kigali

- Nyakwubahwa Musenyeri
  Intumwa ya Papa mu Rwanda

Iteka nshimishwa no kubona umwanya wo gushima,nshimagiza ibikorwa bya Kliziya Gatolika yakoreye abanyarwanda kuva aho ishingiye imizi muri iki gihugu kugeza ubu.
Abari urubyiruko muri icyo gihe cya kera baribuka ko ariyo yabanje kurujijura, irutoza imico myiza iberanye na "Muntu", irwigisha gucengerwa no kunogerwa n'ijambo rya Kristu, rwimije imbere URUKUNDO n'ubusabane mu bantu.
Bityo Kliziya iba koko ISANGANO ry'abatoni b'Imana, ingoro y'ubutatu Jambo rihoraho, litagatifuza ibikorwa bya buri wese umugana.

Ba Nyakwubahwa Basenyeli,

Mwe muhagarariye imbaga ya Kristu hano iwacu, tubasabye kudukomereza inkoni y'ubushumba.
Natwe abo muyobora tuzabasabira igihe cyose kugirango Nyagasani akomeze abereke urwuri rubereye intama ze.

Kliziya mu Rwanda nisugire isagambe.
Turakayihorana

- Banyakwubahwa,
- Banyacyubahiro muri hano,
- Ba militante, ba militant,
- Namwe Rubyiruko.

Muri uyu mwanya twahurijwemo n'Ibiro by'Imibereho Myiza y'Abaturage b'Umugi wa Kigali (Bureau Social Urbain) nejejwe, mu Izina rya MIJEUCOOP, no gushimira ku buryo bw'umwihariko abayobozi b'ibyo Biro kubera ubwitange, ubushishozi n'ubwitonzi bakoranye umulimo wabo.
Abenshi twababwiwe n'imilimo y'ubushishozi bakomeje gutangariza mu igazeti yandikwa n'ibyo biro, ikubiyemo bimwe mu bibazo abaturage bo mu mujyi wa Kigali bahura nabyo.

.../...

Twasanze ibyinshi muri ibyo bigora cyane cyane abatishoboye, abana n'urubyiruko bakaba aribo bambere baba ibitambo by'izo ngorane. Ibyo bitambo ruvuga ni abo twita : INKARITASI, AMASARIGOMA, ABAKARASI, .... n'abandi umujyi utarabonera amazina.

Abo bilirwa bazerera, babuze ishyikizo, dore uyu munsi mutweretse kumugaragaro aho bashobora kuzabisanga.
Aho bahurira bakajya inama ndetse bakanazigiririrwa.
Rubyiruko rero nimwe mubwirwa : kuva ubu mujye muza muziko mwisanga mu rugo rwanyu, murwishimiye, mwifate nk'abana bari iwabo kandi barezwe neza.
Rubyiruko, nkaba mbasaba kumfasha kwongera gushimira aba babyeyi bahora babazirikana.

Ba Militante,
Ba Militants,

Kwita ku rubyiruko niyo nshingano Nyakwubahwa Prezida wa Republika, Prezida Fondateri wa M.R.N.D. yahaye Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative.
Kuva iyo Ministeri igishingwa muw'1973, yakoze uko ishoboye ikangurira urubyiruko, cyane cyane urwo mu cyaro, amashyirahamwe agamije kwongera umusaruro.
Kwiyongera kw'ibikorwa by'urubyiruko byagaragariye mu ISANGANO ry'Urubyiruko ryakozwe mu mpera z'umwaka ushize.
Sinarondora ibyakozwe na Ministeri byose, ariko kandi sinakwibagirwa kuvuga ko uretse n'urubyiruko rwo mu cyaro, twakomeje gushyigikira no gufatanya n'Abagiraneza bitangira imibereho myiza y'urubyiruko rwo mu mijyi. Navuga nk'ishyirahamwe rya J.O.C., Abaskuti, Ishyirahamwe rya KORA n'abandi ....
Mu mujyi wa Kigali kandi, nkuko Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yigeze kubitangariza abanyamakuru, abakozi bakuru ba Ministeri batangiye umulimo wo kwita ku rubyiruko rwo mu ma Segiteri ya Komini y'Umujyi wa Nyarugenge, kugirango batere inkunga ba Konseye na Selire bita kubibazo by'abo bana.
Segiteri KIMISAGARA niyo twahereyeho, ubu tukaba tugiye kubaka inzu y'Urubyiruko, no kuhashyira imishinga y'ingoboka izabafasha.
Mu minsi iri imbere tuzatangira ibyo bikorwa mu yandi ma Segiteri y'iyi Komini.

.../...

Ba Nyiricyubahiro Basenyeri,
Banyacyubahiro,
Ba Militante ba Militant,

Intego n'imwe : gushyirahamwe imbaraga zacu zose, tugenda urunana mu bumwe busendereye urukundo, kugirango Amahoro twifulizanya twifuriza n'abacu, abe inkingi y'amajyambere nyayo atagira agace ka "Muntu" asiga inyuma.
Amahoro mu mitima y'abanyarwanda, Amahoro mu mibereho y'urubyiruko; Amajyambere mu cyaro no mu Mijyi; Amajyambere mu ngo zacu.

- Harakabaho M.R.N.D.
- Harakabaho Urubyiruko mu Rwanda.

BUREAU SOCIAL URBAIN
B.P. 1277 TEL. 73264
KIGALI

Kigali ce 20/2/1988

Monsieur le Ministre de la Jeunesse
et du Mouvement Coopératif à
KIGALI

A traiter par ..........
Date entrée : 23/2/88
N° Classement : 1595/15.00

Pr Ret. Pol.
Quand ?

Monsieur le Ministre,

Nous nous faisons le plaisir de vous remettre cette invitation pour vous prier de prendre part à l'inauguration du " Foyer ABADACOGORA ",réalisé par le Bureau Social Caritas, sur les terrains de l'Archidiocèse, proche de la Ste Famille.

Il ne s'agit pas d'une grande cérémonie : l'oeuvre est modeste. Une petite démonstration réalisée par nos enfants suivie par la bénédiction et de la visite du local : tel est le programme de cette rencontre qui permettra à nos invités - qui sont aussi nos bienfaiteurs - de prendre contact avec cette oeuvre qui nous tient très à coeur.

Votre présence nous encouragera.

Pour le Bureau Social/Caritas.

Ignace MUNYANEZA          Guy MUSY

G. Musy

BUREAU SOCIAL
B.P. 1277
KIGALI
URBAIN CARITAS